No 211 Werurwe 2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IHURIRO RYATEGUYE IBIGANIRO KU NTEKEREZO YA POLITIKI YA DEMOKARASI Y'U RWANDA

*Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere umuco w'ibiganiro bya politiki ku nsanganyamatsiko zijyanye n'imiyoborere myiza u Rwanda twifuza, ku nshuro ya gatatu, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateguye inama nyunguranabitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'"intekerezo ya politiki ya demokarasi y'u Rwanda".*



*Abitabiriye inama*

Ibiganiro nk'ibi ku ntekerezo ya politiki (philosophie politique/Political philosophy), ku nshuro ya mbere byabaye mu kwezi k'Ukuboza 2013, byibanda ku nsanganyamatsiko zijyanye n'intekerezo ya politiki yaranze Abanyarwanda mbere y'ubukoloni, aho byerekanye ko u Rwanda rwabayeho nk'Igihugu kigira umuco wa politiki n'indangagaciro zubaka abaturage bacyo kandi kikabana n'amahanga.

Ibiganiro nk'ibi kandi ku nshuro ya kabiri byabaye mu kwezi k'Ugushyingo 2015; aho ababyitabiriye bunguranye ibitekerezo ku intekerezo ya politiki y'u Rwanda muri iki gihe. Muri ibi biganiro hagaragajwe ko, ukutagamburuzwa kw' u Rwanda n'Abanyarwanda (Resilience) gushingiye ku muco karande w'Abanyarwanda no kwishakamo ibisubizo, ukaba ari umurage ugomba gutozwa urubyiruko rw'ubu n'urw'ejo hazaza.

Byagaragajje kandi ko ubuyobozi bw'u Rwanda bufite umwihariko ushingiye cyane cyane ku kuba dufite Leta iteganya muri gahunda zayo imigambi n'ingamba bishingiye ku bikenewe n'Umuturage (People centered development). Ikindi cyagaragaye, ni uko u Rwanda rudakwiye guheranwa n'umurage mubi w'ubukoloni mu mitekerereze no mu myumvire, ahubwo rugomba kwireramo ubushobozi kandi rugafatanya n'ibindi bihugu by'Afurika mu gukemura ibibazo.



*Bwana NIZEYIMANA Pie, Umuvugizi w'Ihuriro*

Afungura iyi nama ku mugaragaro, Umuvugizi w'Ihuriro Bwana NIZEYIMANA Pie, yavuze ko mu nshingano z'Ihuriro, harimo kuba urubuga abarigize bunguranamo ibitekerezo bya politiki byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu no gutuma Imitwe ya Politiki ifite abayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko n'itabafite igira aho ihuriza ibitekerezo byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu kandi imyanzuro ivuyemo igashyikirizwa inzego za Leta zibifite mu nshingano zazo kugira ngo zibe zayifasha mu miyoborere y'Igihugu.

Umuvugizi yavuze ko Ibi biganiro byateguwe mu rwego rwo kugaragaza ibiranga demokarasi idaheza Abanyarwanda bahisemo ndetse n'umwihariko wayo ushingiye k'Ubunyarwanda nk'indangagaciro nkuru n'inkingi bifasha mu kwiyubaka ndetse no kumenyekana kw'Igihugu cy'U Rwanda. Avuga ko demokarasi u Rwanda rugenderaho yatoranyijwe kubera ibibazo umuryango nyarwanda wanyuzemo kandi bigaragara ko bigenda bikemuka, asaba abayitabiriye kubigaragaza koko bashingiye ku bikorwa bifatika bigaragara muri iki gihe.

Umuvugizi yasoje avuga ko Ihuriro ryiteze ko inama irangira ikoze ubusesenguzi bwimbitse bwerekana intekerezo ya politiki iranga demokarasi y'u Rwanda n'umwihariko wayo, ibyangombwa bigenderwaho mu kwerekana ukwishyira ukizana kw'Abanyarwanda mu bikorwa bitandukanye n'uburyo bishakamo ibisubizo nta gitutu cyangwa igitugu kibari inyuma n'uko kandi ibiruranga byafasha amahanga cyane cyane Afurika mu bikorwa bitandukanye byo kwiyubaka.

Nyuma y'ibiganiro byatanzwe n'inararibonye muri politiki, abarimu n'abashakashatsi muri za Kaminuza, abari mu nama bunguranye ibitekerezo hafatwa imyanzuro irimo ko nyuma ya Genocide yakorewe Abatutsi mu w'1994,

U Rwanda rwahisemo kubaka nzego zose z'ubuzima bw'Igihugu ndetse Abanyarwanda bagakomeza kwimakaza umuco nk'inkingi y'ubumwe, kugira uruhare mu bibakorerwa, gutanga no guhabwa serivisi byihuse kandi nta mananiza.



*Zimwe mu mpuguke zatanze ibiganiro*

Ikindi babonye ni uko amahame ya demokarasi yo mu Bugereki yigishijwe hose ku isi nk'amahame rusange ya demokarasi atagomba kujya hejuru ya demokarasi Igihugu cyahisemo yo kwita cyane ku muturage n'icyamuteza imbere mu mibereho ye ya buri munsi.



*Hon. NKUSI Juvenal asoza inama*

Asoza inama ku mugaragaro, Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe itumanaho no kunguranа ibitekerezo, Depite NKUSI Juvenal, yavuze ko demokarasi u Rwanda rwahisemo ishingiye ku gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda, igateza imbere umunyarwanda, ibaza abayobozi ibyo bashinzwe, yubaka inzego z'ubutegetsi zihamye zihereye hasi; ishyira inyungu z'Igihugu imbere, ikaba demokarasi iharanira imibanire myiza n'amahanga ku nyungu rusange z'Igihugu. Yavuze kandi ko demokarasi y'u Rwanda ituma Imitwe ya Politiki iganira ku bibazo biremereye Igihugu, ikajya inama igashaka umuti w'ibibazo mu bwumvikane aho kuryana.

Asoza yibutsa Imitwe ya Politiki gukomeza kuzuza inshingano zayo zo guhugura abaturage kugira ngo bazamure imyumvire yabo ku miterere ya demokarasi y'u Rwanda by'umwihariko imikorere y'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda.



*Bamwe mu banyeshuri bashyikirizwa impamyabushobozi*

Urubyiruko rugera kuri 43 rwakurikiye amasomo mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi kuva muri Mutarama-Werurwe 2018, rwashoje amasomo narwo rwitabiriye ibi biganiro runahabwa impanyabushobozi zarwo. Basabwe gutekereza iteka icyagirira Igihugu akamaro, runasabwa kandi gukoresha ubumenyi rwabonye mu kubaka Imitwe ya politiki ruturukamo.

## ABAGIZE INAMA RUSANGE Y'IHURIRO BASHYIZEHO ABAGIZE INZEGO NSHYA Z'UBUYOBOZI BW'IHURIRO



Abagize Inama Rusange

*Ku wa kane, tariki ya 29 Werurwe 2018, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Bwana NIZEYIMANA Pie. Mu byizwe harimo Gushyiraho abagize inzego z'Ubuyobozi bw'Ihuriro: Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Abagize za Komisiyo zihoraho, Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije.*

Kuri iyi ngingo, Inama Rusange yongereye manda Bwana BURASANZWE Oswald, ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro. Inama Rusange yashyizeho n'Abagize Komisiyo z'Ihuriro zikurikira: Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane; Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego; na Komisiyo ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo. Nk'uko biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere, buri Komisiyo igizwe n'abantu barindwi (7), buri Mutwe wa politiki kandi ugomba guhagararirwa muri buri Komisiyo




*Bwana BURASANZWE Oswald (Ibumoso) yatorewe indi manda nk'Umunamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro*

Inama Rusange kandi yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro bashya, aribo Hon. MUKAMANA Elisabeth, uturuka mu Mutwe wa politiki wa PPC, ku mwanya w'Umuvugizi wasimbuye Bwana NIZEYIMANA Pie, uturuka mu Mutwe wa politiki wa UDPR, na Hon. MUNYANGEYO Theogene, uturuka mu Mutwe wa politiki wa PL, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije wasimbuye Madamu UWINGABE Solange, uturuka mu Mutwe wa politiki wa PSR.




*Abagize Biro Nshya y'Ihuriro*

Ikindi, Inama Rusange yashishikarije Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo kwitabira no kugira uruhare mu bikorwa biteganyijwe muri gahunda yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994 ku nshuro ya 24.

## URUBYIRUKO RWASOJE AMASOMO ATANGWA N'IHURIRO RWASABWE GUKORA RUTIZIGAMA



*Bwana Burasanzwe Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa*

*Kuri uyu wa kane tariki ya 15/03/2018 hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 15 cy'amahugurwa atangwa mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth Political Leadership Academy/YPLA), amahugurwa ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ku rubyiruko rwatoranijwe n'Imitwe ya politiki mu Mujyi wa Kigali, ruyakurikiranira ku Biro by'Ihuriro ku Kacyiru mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali.*

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana Burasanzwe Oswald, yashimye urubyiruko rurangije muri aya mahugurwa ababwira ko intego nkuru y'aya masomo ari ukurutoza umwuga wa Politiki no kubaha ubumenyi bw'ibanze mu bya politiki n'imiyoborere myiza, avuga ko urwego rwose rushaka kwiyubaka ku buryo burambye rushingira k'urubyiruko, akaba yizera ko Imitwe ya politiki nayo izakoresha neza uru rubyiruko kugira ngo yubake inzego zayo.

Yabasabye kandi kuba umusemburo w'iterambere ry'Imitwe ya politiki yabatoranije, anabibutsa ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzabafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo cyane cyane mu gutanga amahugurwa agenewe abayoboke, ndetse no mu bundi buzima bwa buri munsi bw'Umutwe wa Politiki. Abibutsa ko ibyo baba bateganya kugeraho byose bigomba kuba bigamije guteza abaturage n'Igihugu muri rusange imbere. Kugira ngo ibi byose bigerweho ababwira ko bisaba gukora batizigama.



*Dr Alfred NDAHIRO, Umwe mu barimu bigisha muri iyi gahunda*

Dr Alfred NDAHIRO, wavuze mu izina ry'abarimu batanga amasomo muri iyi gahunda, yashimye umurava n'ubuhanga aba banyeshuri bagaragaje, abibutsa ko umwuga wa politiki wigwa, abasaba kuzakoresha ubuhanga bahawe cyane cyane ubwo kuvuga (communication skills) kuko umunyapolitiki udafite ubuhanga mu kuvuga, ngo atange neza igitekerezo cye adashobora kugera ku ntego yiyemeje.

Umunyeshuri wari uhagarariye abandi Bwana MAYINDO Darius, yashimye imitegurire n'imigendekere myiza y'aya mahugurwa; ashima Ihuriro ku masomo yose bahawe, ashima kandi serivisi nziza bahabwaga n'abakozi b'Ihuriro babafashaga umunsi ku wundi. Yijeje abari aho ko amasomo bahawe azababera intwaro ikomeye yo gukora neza umwuga wa politiki biyemeje. Yasabye ko Ihuriro ryakomeza kubafasha kumenyesha Imitwe ya politiki ko ubuhanga bahawe bwabyazwa umusaruro n'Imitwe ya politiki yabohereje.

YPLA ni gahunda y'amahugurwa yatangiye muri 2010, ikaba itegurwa mu Ntara no Mujyi wa Kigali. Imitwe ya Politiki igize Ihuriro itoranya urubyiruko rw'abasore n'inkumi rukurikira amahugurwa, aho kuri buri cyiciro, buri Mutwe wa Politiki ugena abasore n'inkumi bane (2 b'igitsina gabo na 2 b'igitsina gore). Abakurikira aya mahugurwa bagomba kuba batarengeje imyaka mirongo itatu (30), biga cyangwa bararangije amashuri makuru na kaminuza. Kuva iyi gahunda yatangira, hamaze guhugurwa abantu 1,116 bagizwe na 50.4% b'igitsina gabo na 49.6% b'igitsina gore.